# KWIHANA NO KUBABARIRWA



Icyigisho cya 10 cyo ku wa 6 Kamena 2026

"Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose"

(1 Yohana 1:9)



Bibiliya ivuga ko “bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw’Imana” (Abaroma 3:23).


Inavuga ko tudashobora kwirinda cyangwa se gukuraho ibyaha cyacu (Yeremiya 13:23; 2:22).

Ariko Imana yiteguye kutubabarira ibyaha byacu. Nta cyaha gikomeye cyangwa giteye ubwoba ku buryo Imana itāshāka kukibabarira (Yesaya 1:18).

Ikintu kimwe gusa ni cyo gisabwa: kwihana.





**Kwihana:**

- Gutinda kwihana
- Kwihana by’ukuri
- Kurarikirwa kwihana

**Kubabarirwa:**

- Ubuntu bwo kubabarirwa
- Imyambaro yo kubabarirwa



# KWIHANA



# GUTINDA KWIHANA

"Umwami Yesu aramusubiza ati 'Marita, Marita, uriganyira wirushya muri byinshi' " (Luka 10:41)

Mu rugo rwo kwa Lazaro, Yesu yavuze ku bintu by'ingenzi, ngombwa ku gakiza. Ariko Marita ntiyabiteze amatwi. Nta mwanya yari afite. Yari ahugiye mu bintu byinshi byo gukora! (Luka 10:40–41).





Ibi natwe bitubaho. Iyo twakoze icyaha, Umwuka Wera akaduhamagarira kwihana, Satani atwuzuza ibikorwa, imihangayiko, cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose kitubuza gutekereza ku mimerere yacu y'icyaha, ngo dushake kubabarirwa.





Ariko Imana ntirambirwa. Ikomeza kurarika (Ezekiyeli 33:11). Igereranya ibyaha byacu n'ubushwambagara buriho ibizinga (Yesaya 64:6). Itanga ingurane: ubwo bushwambagara ibusimbuza ikanzu yayo iboneye (Zekariya 3:4), yatunganyirijwe mu maraso ya Yesu (Ibyahishuwe 7:14).



# KWIHANA BY'UKURI


"Nimuze tugarukire Uwiteka, kuko ari we wadukomerekeje kandi ni we uzadukiza, ni we wadukubise kandi ni we uzatwomora." (Hoseya 6:1)

Kwihana ni iki? Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kwihana by'ukuri no kwihana kutari uk'ukuri? (2 Abakorinto 7:10)

Iyo icyaha kizanye ingaruka zihutiyeho kandi zitanejeje, havuka ukwicuza. Ni ikimwaro cy'uko ibyo twakoze bitaduhiriye. Hatabayeho ingaruka mbi, ntitwajyaga kumva tubabajwe n'ibyo twakoze. Uku SI ukwihana nyakuri.

Iyo kuba twaracumuye ari byo biduteye agahinda, ndetse n'icyifuzo gikomeye cyo kubabarirwa (ingaruka mbi zāba zarabayeho cyangwa zitarabayeho), tuba dufite ukwihana nyakuri.

Iyo dukoze icyaha, Umwuka Wera "aradukomeretsa" kandi "aradukubita" tukagira agahinda kenshi. Iyo tubyakiranye kwihana nyakuri, Imana iradukiza, ikatubabarira ibyaha byacu (Hoseya 6:1).





# KURARIKIRWA KWIHANA

"Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mmwami Imana." (Ibyakozwe 3:19)



Yohana Umubatiza na Yesu batangiye umurimo wabo bavuga ubutumwa bumwe: "Nimwihane" (Matayo 3:1–2; 4:17).

Kuki kwihana ari ingenzi? Kuko kutabayeho, ntihabaho kubabarirwa ibyaha (Ibyakozwe 2:38; 3:19). Uru rugendo rukorwa rute?



Imana, kubw'ineza yayo, iturarikira kwihana (Abaroma 2:4)

Twitaba irarika ryayo

Tukababazwa cyane n'ibibi twakoze

Dufata icyemezo kivuye ku mutima cyo kureka icyaha

Imana itubabarira ibyaha binyuze mu maraso Yesu yameneye ku musaraba (Abakolosayi 1:13–14)



Menya neza ko kwihana no kubabarirwa bigomba buri gihe kutujyana ku ivugurura; ku guhindura imigirire bitujyana ku kureka gucumura (Yohana 5:14).



# KUBABARIRWA





# UBUNTU BWO KUBABARIRWA

**"Uwiteka ku bw'izina ryawe, Mbabarira gukiranirwa kwanjye kurakomeye"** (Zaburi ya 25:11)



**Nta kintu na kimwe gihatira Imana kutubabarira. Nta kintu na kimwe twakora ngo tube dukwiriye imbabazi. Uwiteka aduha imbabazi ku bw'ubuntu; ku bw'urukundo Rwe rutagira akagero. Ababarira kuko ari "mwiza, yiteguye kubabarira, kandi yuzuye imbabazi" (Zaburi ya 86:5; reba Kuva 34:6–7).**

**Urukundo Rwe rwamuteye kwitanga ku musaraba, yishyura umwenda w'icyaha tudashobora kwishyura (Abefeso 2:4–5).**







**Iyo dushyize ibyaha byacu ku birenge by'umusaraba, Yesu atubohora umutwaro uturemereye (Abaheburayo 12:1–2)**



# UBUNTU BWO KUBABARIRWA

"Uwiteka ku bw'izina ryawe, Mbabarira gukiranirwa kwanjye kurakomeye"
(Zaburi ya 25:11)



Ni iyihe sano iri hagati y'icyaha n'ubuntu?

## ISANO HAGATI Y'ICYAHA N'UBUNTU

**Abaroma 5:8**
- "tukiri abanyabyaha"
- "Kristo yaradupfiriye"

**Abaroma 5:20**
- "aho ibyaha byagwiriye"
- "ubuntu bwarushijeho gusāga"

**Abaroma 5:21**
- "ibyaha byimitswe n'urupfu"
- "ubuntu bwimikwa… buduhesha ubugingo buhoraho"

**Abaroma 6:23**
- "ibihembo ry'ibyaha ni urupfu"
- "impano y'Imana ni ubugingo buhoraho"



# IMYAMBARO YO KUBABARIRWA

"Aramubaza ati 'Mugenzi wanjye, ni iki gitumye winjira hano utambaye umwenda w'ubukwe?' Na we arahora rwose." (Matayo 22:12)



Itorero ry'Imana—ndetse na buri wese mu barigize—ryambaye "umwenda w'igitare mwiza, urabagirana utanduye" kandi "ntirifite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo" (Ibyahishuwe 19:8; Abefeso 5:27).

Iyi myenda myiza ni ikimenyetso cy'"imirimo myiza y'abera" (Ibyahishuwe 19:8b). Ariko uku gukiranuka si ukwabo bwite; baguhawe na Kristo (Ibyahishuwe 7:14).





Ubwo Adamu na Eva bacumuraga, batwikiriye ubwambure bwabo bakoresheje imirimo yabo bwite. Ariko bakomeje kubona ko bambaye ubusa imbere y'Imana (Itangiriro 3:7–10). Imyambaro Imana yatanze yari ikimenyetso cy'"umwenda w'ubukwe" Kristo aduha: gukiranuka Kwe kuzuye gukuraho ibyaha byacu (Itangiriro 3:21; Zaburi ya 51:7–10).

Nta muntu uzajya mu Ijuru atambaye uwo mwenda (Matayo 22:1–14).



"Ushaka guhinduka umwana w'Imana agomba kwakira ukuri ko nta handi kwihana no kubabarirwa bibonerwa usibye mu mpongano Kristo yatanze. Iyo umunyabyaha amaze kwemezwa ibingibi, aba agomba gukorana umwete uhwanye n'umurimo umukorewe, agakomeza kwinginga adacogora, akegera intebe y'ubuntu kugira ngo imbaraga y'Imana ihindura ize muri we. Kristo ababarira gusa umuntu wihannye, ariko uwo ababarira, abanza kumutera kwihana. Icyakozwe cyari cyuzuye kandi gukiranuka kw'iteka kwa Kristo guhabwa umuntu wese wizeye. Ikanzu y'igiciro, idafite ikizinga, yakorewe mu ruganda rwo mu ijuru yateganyirijwe buri munyabyaha wese wihannye kandi wizeye."

**E.G. White, *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, umuz. 1, p. 314**